

- **Mukashyaka Séraphine:** Umuyobozi wa AVEGA-Agahozo yiciwe muri Kinyamakara, Gikongoro kuwa 24 Ukuboza 2000.
- **Kabera Assiel:** Kuwa 5 Werurwe 2000, Kabera Assiel wari umujyanama wa Perezida Bizimungu, yarasiwe mu marembo y'urugo rwe. Abamwishe bari abagabo batatu bambaye impuzankano ya gisirikare.
- **Bayingana Victor:** Yiciwe mu irembo ryo kwa Nyirabukwe muri 1998.
- **Kagaju Antoinette:** Umugore wa Bayingana Victor (twavuze haruguru). Yarasiwe imbere y'abana be muri 1998.
- **Valens:** Mwene wabo wa Kagaju Antoinette (twavuze haruguru). Babiciye hamwe muri 1998.
- **Nzovu:** Umucuruzi ukomoka i Kibungo. Yishwe azira ko yatsindiye isoko ryo kubaka ibigega bya lisansi aho yahatanaga n'ishyaka riri ku butegetsu.
- **Dr. Ndamage François:** Yarishwe. Yakoreye TRAC (Center for Treatment and Research)-Ikigo cy'Ubuwuzi n'Ubushakashatsi.

Uru rutonde rutuzuye ntabwo rurimo amazina y'abantu barokotse Jenocide bitewe n'uko imiryango yabo yari yarahunze mbere ya 1994, muri abo twavuga:

Maj. Alex Ruzindana (waburiwe irengero), Denis Semadingwa Ntare (watewe ibyuma, wasogoswe), Andre Rwisereka (waciwe umutwe), Alphonse Rutagarama (watewe ibyuma, akanigwa), Patrick Karegeya (wanizwe), Dogiteri Emmanuel Gasakure (warashwe), Umunyamategeko Toy Nzamwita (warashwe), Dogiteri Raymond Dusabe (watewe ibyuma), Umunyamideli Alexia Mupende (watewe ibyuma), ...n'abandi benshi.

Uru rutonde kandi ntirurimo Abanyarwanda batari mu kicio cy'abacitse ku icumu. Muri bo twavuga:

Seth Sendashonga (warashwe), Lt. Col. Augustin Cyiza (waburiwe irengero), Col. Theoneste Lizinde (warashwe), Umunyamategeko Donat Mutunzi (wanizwe), Boniface Twagirimana (waburiwe irengero), Anselme Mutuyimana (wanizwe), ...n'abandi benshi.